



MOUVEMENT RWANDAIS POUR
LE CHANGEMENT DEMOCRATIQUE **M.R.C.D)**

21 Nzeli 2021

Electronic address: communication.mrcd@gmail.com

**ITANGAZO RYA MRCD-UBUMWE KU ISOMA RY'URUBANZA RWITIRIWE RUSESABAGINA NA
BAGENZI BE**

Kuru uyu wa mbere tariki ya 20 Nzeli 2021, mu Rukiko rukuru ruburanisha imanza z'iterabwoba n'ibaha byambukiranya imipaka, nibwo hasomwe urubanza rwitiriwe Paul Rusesabagina na bagenzi be. Impuzamashyaka MRCD-Ubumwe ikaba yamagana ibihano bikakaye byafatiwe abayobozi b'amashyaka yayo aribo Paul Rusesabagina na Callixte Nsabimana (Sankara) ndetse n'ababuranyi bose muri rusange.

Mu kwamagana ibihano byafatiwe bariya bayobozi, MRCD-Ubumwe iragaragaza ko habayeho amanyanga akomeye, uhereye ku buryo bariya bayobozi bombi bagejejwe mu Rwanda, uko Leta ya Kigali yashatse kubasinyisha ibaha ku ngufu mu gihe barimo bakorerwa iyicarubozo (torture). Ikindi kigaragara kandi MRCD-Ubumwe yamagana, ni ibura ry'ubutabera nyabwo muri ruriya rubanza, bigaragazwa cyane n'uburyo Paul Rusesabagina yangiwe kunganirwa n'abo yihitiyemo, guhindurirwa abamuburanira, kwimwa dossier y'urubanza rwe n'igihe gihagije ngo ashobore kurutegura ndetse no kwangirwa guhura n'abamwunganira ngo bategure iburana tutibagiwe ko n'inyandiko (documents) zose yoyererezwaga babanzaga kuzisoma bakanazifatira.

MRCD-Ubumwe iramagana kandi ibirego byashingiweho na Leta ya FPR ifatira ibihano bariya bayobozi bombi, cyane cyane nk'ikirego cyo kugira uruhare mu bikorwa by'iterabwoba, kuko kuri Leta ya FPR iterabwoba rikorwa n'umuntu wese utavuga rumwe na yo, mu mugambi wo guceckesha uwo ari we wese unenga ubutegetsi bwayo. Kuba rero iki cyaha cyararezwe Bwana Paul Rusesabagina kandi kikamuhama, ni umugambi ukomeye wo guceckesha uwo ari we wese Leta ya kigali ibona ko ayibangamiye, kuko avuga ukuri ku makosa yayo, ubugome yakoze ndetse ikomeje no gukorera Abanyanrwanda haba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.

MRCD-Ubumwe iramagana kandi ibaha byashingiweho na Leta ya Kigali ifatira Callixte Nsabimana (Sankara) ibihano, harimo nko gupfobya jenoside, mu gihe na we yayirokotse, kandi akaba yaranavugaga ko Abanyarwanda bari babanye neza mbere y'uko FPR itera u Rwanda ikanahanura indege yari itwaye Abakuru b'ibihugu b'u Rwanda n'Uburundi. Ibi kandi ni ukuri. Turamagana kandi gushinja Sankara kugira uruhare mu bikorwa by'iterabwoba.

Mu gihe twamagana imikirize y'uru rubanza, tuributsa abantu bose ko ibihugu bya Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'Ububiligi, - ibihugu bisanzwe ari inshuti magara z'u Rwanda ndetse binaruha inkunga ikomeye cyane - na byo byamaganye imikirize ya ruriya rubanza ndetse n'ibihano byafatiwe abaregwa.

Turamenyesha ariko ibyo bihugu ko kwamagana imikirize y'urubanza bidahagije ahubwo ko bikwiye gutera indi ntambwe bifatira Leta ya FPR iyobora u Rwanda ibihano bikakaye kuko aribyo byonyine byatumwa ihindura imiyoborere mibi irangwa no kwica Abanyarwanda, kubarigisa, kubafungira ubusa, kubamburgura ibyabo nta ndishyi, gutegekesha igitugu, n'ibindi tatarondora hano.

Turangije twibutsa abantu bose ko MRCD-Ubumwe atari umuryango w'iterabwoba, ahubwo ko ari impuzamashyaka igamije gushaka no kwihutisha mpinduka ya demokrasi mu Rwanda, bityo tukaba duhamagarira abantu bose kudutera ingabo mu bitugu kugira ngo iyo mpinduka igerweho vuba.

Harakabaho Ubutabera, Amahoro na Demokarasi.

Bikorewe i Bruxelles kuwa 21 Nzeli 2021

Umuyobozi wa MRCD-Ubumwe.

Celestin Komeza.

A handwritten signature in blue ink, appearing to read "Komeza". It is written in a cursive style with a horizontal line underneath it.